**A Amasengesho mu bihe bigoye:**

- **Eliya: Isengesho mu bihe by'akaga**
  - Ni gute Imana isubiza amasengesho yacu mu gihe cy'akaga?
    1. Nyuma y'isengesho rito rya Eliya, Imana yahise isubiza ikoresheje umuriro (1 Abami 18:36–38).
    2. Nyuma y'amasengesho arindwi yo gusaba imvura, Imana yohereje igicu gito cyahindutse umugaru ukomeye (1 Abami 18:42–45).
    3. Igihe Eliya yasabaga gupfa, Imana yaricecekeye, ariko yohereza marayika wayo kumugaburira (1 Abami 19:4–8).
    4. Eliya wari mu buvumo yihebye, yaje kumva ijwi ry'Imana risubiza isengesho rye ry'agahinda (1 Abami 19:9–18).
  - Igisubizo kimwe cyari cyihuse kandi gitangaje. Ikindi, cyaje nyuma y'ibihe birindwi byo gusenga, cyatumye imvura igwa. Amaherezo, nyuma y'iminsi 40, igisubizo cyatanzwe mu magambo kandi giteye imbaraga. Imana izi uburyo n'igihe cyo gusubiza muri buri kibazo cyacu.
- **Hana: Amasengesho asa n'adasubizwa**
  - Isengesho rya Hana ryo gusaba umwana risa n'aho ryasubijwe vuba n'Imana (nyuma y'amezi icyenda yo gutegereza mu byishimo, birumvikana) (1 Samweli 1:9–20).
  - Ariko, iyo dusomye imirongo ibanziriza iyi, tubona ko iki gisubizo cyafashe igihe kirekire cyane kugira ngo kiboneke (1 Samweli 1:1–8).
  - Penina, undi mugore wa Elikana, yari afite "abana"—ni ukuvuga abahungu barenga umwe—kandi "uko umwaka utashye" yababazaga Hana kuko Imana itari yaramuhaye urubyaro.
  - Ukurikije iyi ngingo, Hana yamaze imyaka ingahe asaba umwana ntabone igisubizo?
  - Hari igihe guceceka kw'Imana bishobora guterwa n'inarijye yacu (Yakobo 4:3), icyaha cyagundiriwe (Zaburi ya 66:18), kubura ukwizera (Yakobo 1:6); cyangwa, gusa ko atari cyo gihe gikwiriye.
  - Uko biri kose, Imana ibona ishusho uko yakabaye kandi izi icyatubera cyiza (Yeremiya 29:11). Ihora isubiza isengesho risenganywe ukwizera, mu gihe cyayo no mu buryo bwayo (1 Yohana 5:14–15).

**B Amasengesho y'icyitegererezo:**

- **Yesu: Ibigize isengesho**
  - Gusenga amasengesho maremare kandi atondetse kugira ngo twemeze abayumva maze tubishimirwe si bwo buryo bwo gusenga Yesu yatwigishije (Matayo 6:5–8).
  - Amasengesho yacu agomba kuba ay'ukuri kandi yoroheje, mu mvugo isanzwe. Isengesho ni umugabane w'ingenzi mu mibereho yacu.
- **Daniyeli: Imiterere y'isengesho**
  - Isengesho ryanditswe muri Daniyeli 9:4–19 ritwereka imigabane ine y'ingenzi y'isengesho:
    1. Guhimbaza (Daniyeli 9:4)
    2. Kwātūra no kwihana (Daniyeli 9:5–15)
    3. Ibyifuzo (Daniyeli 9:16–19)
    4. Gushima (Abafilipi 4:6)
  - Daniyeli yarogowe na Gaburiyeli mbere yuko arangiza isengesho rye (gushima Imana).
  - Iyi gahunda ireba amasengesho yacu yo mu rwiherero ndetse n'ayo mu ruhame. Birumvikana ko umugabane uvuga ku "kwātūra no kwihana" ugomba guhuzwa n'ubwoko bw'isengesho.
  - Iyi miterere idufasha kwerekeza isengesho ku Mana, ikarinda ko riba nk' "urutonde rw'ibyo duhaha" mu bubiko bw'Imana.

**C Ibibazo bine ku isengesho**

- **Niba Imana izi byose, kuki tugomba gusenga?**
  - Isengesho rituzamura ku ntebe y'ubwami bw'Imana kandi rikaduhatira kwisuzuma no kongera gutekereza ku mubano wacu na Yo buri munsi. Nubwo twaba tutazi icyo kuvuga, Umwuka Wera aradufasha (Abaroma 8:26).
- **Kuki twasenga kandi ibintu byose bimeze neza?**
  - Abamarayika batacumuye basenga Imana ubudasiba. Ni gute twe twagombye kubyitaho? Gutekereza ko tudakeneye Imana kubera ko ibintu byose bitugendekera.
- **Nkwiriye gusengana na nde?**
  - Bitewe n'ibihe: Mu rwiherero. Icyo gihe ni bwo isengesho ryacu riba iryo gusuka ibyacu cyane; turi kumwe n'umuryango cyangwa mu matsinda mato; mu rusengero.
- **Ni gute nkwiriye gutega amatwi?**
  - Uburyo busobanutse kandi bwizewe bwo kubikora ni uguhuza isengesho no kwiga Bibiliya nk'umugabane wo gusabana n'Imana kwacu bwite, tukirinda kwihugiraho cyangwa kwitega amatwi gusa.